Ibaruwa ya Peggy’s Nzeri 2016

“Uwiteka nyiringabo, erega amahema yawe n’ ay’ igikundiro! Umutima wanjye urifuza ibikari byawe, ndetse biwutera kugwa isari. Umutima wanjye n’ umubili wanjye bivugiriz’ Imana Ihoraho impundu”. (Zab 84:1–2).

Muri uku kwezi nahoze nsoma Zaburi ya 84. Ni Zaburi inkiza mu mutima wanjye mu gihe umutima wanjye ukeneye ibyiringiro no gukira. Nkunda ukuri kugaragara muri iyi Zaburi mu rugendo rw’ ibyiringiro.

Ni urugendo rw’ ukuri rwanditswe mu gihe kiza rwandikiwe Abisraeli: ahari mu gihe Salomo yari Umwami. Buri mwaka bajyaga i Yerusalemu gukorerayo iminsi mikuru y’ Abayuda. Bakoze ingendo bava mu mpande zose za Israeli bajya gushengerera Imana mu Rusengero.

Iyo dusomye Zaburi 84, tubona mu mutima w’ umwe mu bagiye i Yerusalemu gushengerera.

Nibaza uburyo bari bafite amatsiko yo kuba imbere y’ Imana. Naribajije, “ Ese nifuza kuba imbere y’ Imana mu gihe kingana gute? Nakora iki kugira ngo ngire umwanya wo kuba imbere y’ Imana buri munsi?

Zaburi iduhatira kureba ibintu twifuza. Ushobora kuvuga cyangwa gusenga amagambo y’ iyi Zaburi nk’ aho ari ayawe ku giti cyawe? Wifuza kuba imbere ye? Umutima wanjye ufitiye Imana inzara?

Mu minsi ya vuba aha narwaye iminsi mike, nifuje kongera kuba muzima kugira ngo nkomeze imirimo yanjye ya buri munsi. Nagize ibitekerezo ndibaza, “Iyo ubugingo bwanjye bubabaye, ese nkizwa no  kwifuza Imana? Imitima yacu iyo ibabajwe n’ imibabaro cyangwa ibigeragezo, turamwirukira no kwifuza kubona Imana mu buryo burushijeho?

Muri uku kwezi, mu gihe dusengera abagore bo muri Bulgaria, Koroatia, Ubugiriki, na Slovakia, twegurire Imana ibintu byose biri mu mitima yacu no gushyira amajwi yacu hejuru, twifuza no kugira inzara yo kubona Imana. Mu gihe tubabaye, dushake Imana twizeye ko ari Muganga wacu Mukuru kandi ukiza.

Kuri Kalendari yacu ya Nzeri, icyo tuzibandaho ni ukugira inzara y’ iby’ Imana. Tuzasunika amasengesho yacu ya buri mwaka hamwe no kwiyiriza kugira ngo agendane n’ umunsi w’ Abagore kw’ isi mu kwezi kwa Werurwe 2017.

Munibuke urukundo no gukiza kwe muri uku kwezi mu gihe muri mu ngendo z’ ibyiringiro hamwe n’ Umwami.

Muri we imitima yacu irahimbaza,

Peggy Banks

Umuyobozi wa Project Hannah kw’ isi.